

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA v. IYAMUNGU

RPAA01124/2024/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

24 October 2025

CASE / FILE NUMBER

RPAA01124/2024/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA v. IYAMUNGU

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-10-24
- Case/document no.: RPAA01124/2024/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA v. IYAMUNGU [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA01124/2024/CA (Mukandamage, J. P.) 24 Ukwakira 2025] Amategeko agenga ibimenyetso – Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha – Ibimenyetso byose, iyo byagiweho impaka bishobora gushingirwaho mu kwemeza ko uregwa yakoze icyaha kandi ibyo ibimenyetso bishobora no kuba imvugo z'abatangabuhamya, urukiko rukaba arirwo rusuzuma niba ibyo bavuga byakwemerwa cyangwa ntibyemerwe. Incamake y'ikibazo: Ubushinjacyaha bwareze Iyamungu mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi, rumukurikiranyeho icyaha cyo gusambanya umwana, busaba ko ahamwa n'icyo cyaha agahanishwa igifungo cya burundu. Iyamungu yaburanye ahakana icyaha, avuga ko uwo mwana ashinjwa gusambanya, ari uwa mukuru wa se, ko amakimbirane y'imiryango ashingiye ku masambu yabaye intandaro yo kumubeshyera, bityo asaba ko yarenganurwa. Urukiko Rwisumbuye rwasanze hari ibimenyetso bitandukanye bigaragaza ko Uregwa yakoze icyaha cyo gusambanya umwana, bishyigikiwe na raporo ya muganga, maze rwemeza ko kimuhama, ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu. Iki cyemezo yakijuririye mu Rukiko Rukuru asaba kugirwa umwere, ngo kuko yahamijwe icyaha cyo gusambanya umwana nta bimenyetso simusiga bigaragaza ko yagikoze. Ubushinjacyaha bwashyize ko ubujurire bwe butakwagirwa kuko

atabashije kuvuguruzanya ibimenyetso byashingiweho. Urukiko Rukuru rwaciye urubanza rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite, ariko mukumuhana rwamugabanyirije igihano, bumuhanisha igifungo cy'imyaka 15 kuko yakoze icyo cyaha aribwo akiva mu bwana. Uregwa yongeye ajuririra mu Rukiko rw'Ubujujire asaba kurenganurwa, kuko yahamijwe icyaha hadashingiye ku bimenyetso bidashidikanywaho, hirengagizwa ibimenyetso yatanze bimushinjura. Muri uru rubanza, Uregwa asobanura ko imvugo y'umwana n'iya nyirakuru nk'ibimenyetso byashingiweho bivuguruzanya na raporo ya muganga yemeje ko mu gitsina cy'umwana hatukuru ariko ntigaragaze niba harimo amasohoro n'uwaba ari nyirayo, bitandukanye n'imvugo y'umwana ivuga ko yinjije igitsina mu cye akacyumvira mu nda, naho iya nyirakuru ivuga ko umwana yaje avirirana amaraso mu gitsina. Avuga kandi ko nta kuntu umwana yasambanywa, ngo akarangabusugi ke kabe kakiriho. Uregwa avuga kandi ko Urukiko Rukuru rwirengagije amakimbirane Se yagiranye na nyirakuru w'umwana akagera mu buyobozi, n'ubwo nyuma baje kwiwunga basabana imbabazi, ariko ntibabanye neza. Ubushinjacyaha bwashubije ubu bujujire bw'Uregwa buvuga ibimenyetso byashingiweho byuzuzanya kuko imvugo y'umwana ivuga uko byagenze, iya nyirakuru ikavuga ibyo umwana yavuze n'ibyo nyirakuru yabonye, naho raporo ya muganga ikagaragaza bya gihanga isuzuma ryakozwe ku mwana agasanga ku gitsina cye hari icyahakozwe cyanatumye ibice by'igitsina bihindura ibara, yanzura avuga ko yaba yarahohotewe. Ubushinjacyaha buvuga kandi ko ibyo Uregwa yavuze ko mu gitsina cy'umwana hatukuye kubera urugendo rururire yakoze kandi ari muto, nta shingiro byahabwa kuko umwana atari ubwa mbere yaba akoze urugendo nk'urwo, kuko n'izo yakoze mu gitsina cye hatigeze hatukura ku buryo muganga yakoragaho akababara, nk'uko yabyemeje muri raporo ye. ikindi kitagomba guhabwa ishingiro ni icyo Uregwa yavuze kijyanye no kuba akarangabusugi k'umwana kaba kagihari, dore ko kuba umwana yaba afite akarangabusugi bitaba bivuze ko atasambanyijwe bitewe n'uko aba yasambanyijwe. Incamake y'icyemezo: Mu manza nshinjabyaha, ibimenyetso byose, iyo byagiweho impaka bishobora gushingirwaho mu kwemeza ko uregwa yakoze icyaha kandi ibyo ibimenyetso bishobora no kuba imvugo

Page 2

z'abatangabuhamya, urukiko rukaba arirwo rusuzuma niba ibyo bavuga byakwemerwa cyangwa ntibyemerwe. Ubujujire nta shingiro bufite. Amategeko yashingiweho: Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 87 n'iya 119. Itegeko N° 059/2023 ryo ku wa 04/12/2023 rihindura Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigena ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 2. Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano nk'uko ryahinduwe, ingingo ya 133. Imanza zifashishijwe: RPAA 01283/2024/CA, Ubushinjacyaha na Ndayizeye rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujujire ku wa 29/09/2025. RPAA00029/2023/CA, Ubushinjacyaha na Nsigaye Gasigwa, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujujire ku wa 19/04/2024. RPAA00692/2021/CA, Ubushinjacyaha na Ndayishimiye Jean Damascène rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujujire ku wa 20/01/2023. Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Mugitondo cyo ku wa 30/12/2019, umwana witwa A. P.1 w'imyaka 8 y'amavuko yatiruye ishoka nyirakuru Kankindi Laurence yari yaraye atiyeye iwabo wa Iyamungu Gilbert, maze agaruka avuga ko yamusabye kujya gufata amafaranga mu cyumba, ahageze aramusambanya. Iyamungu Gilbert

yarafashwe atangira gukurikiranwa. [2] Nyuma y'iperereza, Ubushinjacyaha bwareze Iyamungu Gilbert mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi icyaha cyo gusambanya umwana, busaba ko ahamwa n'icyo cyaha agahanishwa igifungo cya burundu. [3] Iyamungu Gilbert yaburanye ahakana icyaha, avuga ko yabonye umwana akina n'abandi ku irembo, atungurwa no kubona amushinja. Yavuze kandi ko uwo mwana ari uwa mukuru wa se, hakaba hari amakimbirane y'imiryango ashingiye ku masambu yabaye intandaro yo kumubeshyera, asaba kurenganurwa. [4] Mu rubanza RP00049/2020/TGI/GIC rwaciwe ku wa 06/11/2020, Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi rwasanze hari ibimenyetso bigaragaza ko Iyamungu Gilbert yakoze icyaha cyo gusambanya umwana, harimo invugo z'umwana usobanura uko yakorewe icyaha zishyigikiwe na raporo ya Muganga igaragaza ko yasambanyijwe. Urukiko rwasanze kandi ibyo Iyamungu Gilbert avuga ko se w'umwana amubeshyera kubera amakimbirane y'imiryango, nta kimenyetso abitangira, kandi ko iyo aba ahari batari buba bagenderanira, hanyuma rumuhanisha igifungo cya burundu. [5] Iyamungu Gilbert yajuririywe Urukiko Rukuru avuga ko yahamijwe icyaha cyo gusambanya umwana kandi nta bimenyetso simusiga bigaragaza ko yagikoze, asaba kugirwa umwere. Uhagarariye

1 Amazina arahinwe kubera kamere y'icyaha n'imyaka y'uwahohotewe.

Page 3

Ubushinjacyaha yavuze ko ubujurire bwa Iyamungu Gilbert butahabwa ishingiro, kuko atabashije kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho n'urukiko rwabanje rumuhamya icyaha. [6] Mu rubanza RPA01182/2020/HC/KIG rwaciwe ku wa 30/09/2024, Urukiko Rukuru rwasanze ubujurire bwatanzwe na Iyamungu Gilbert nta shingiro bufite, kuko atabashije kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho ku rwego rwa mbere ahamwa icyaha, ariko rumugabanyiriza igihano kubera ko yakoze icyaha aribwo akiva mu bwana, rumuhanisha icy'imyaka 15 y'igifungo. [7] Iyamungu Gilbert yajuririywe Urukiko rw'Ubujurire, urubanza ruhabwa RPAA01124/2024/CA. Iburanisha mu ruhamye ryabaye ku wa 06/10/2025, Iyamungu Gilbert yunganiwe na Me Kamali Jean Baptiste, naho Ubushinjacyaha buhagarariye na Ndagijimana Charles, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. [8] Mu myanzuro no mu miburanire, Iyamungu Gilbert avuga ko Urukiko Rukuru rwamuhamije icyaha cyo gusambanya umwana rushingiye ku bimenyetso bishidikanywaho, rwirengagiza ibimushinjura. Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ibimenyetso byashingiweho n'Urukiko Rukuru bihamya Iyamungu Gilbert icyaha ku buryo budashidikanywaho, kandi ko nta bimenyetso yatanze byirengagijwe. [9] Muri uru rubanza harasuzumwa ibibazo bikurikira:

- 1) kumenya niba Iyamungu Gilbert yarahamijwe icyaha cyo gusambanya umwana hashingiwe ku bimenyetso bishidikanywaho;
- 2) kumenya niba Urukiko Rukuru rwarahamije Iyamungu Gilbert icyaha cyo gusambanya umwana rwirengagije ibimenyetso bimushinjura. II. ISESENGURWA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

1. Kumenya niba Iyamungu Gilbert yarahamijwe icyaha cyo gusambanya umwana hashingiwe ku bimenyetso bishidikanywaho [10] Iyamungu Gilbert na Me Kamali Jean Baptiste umwunganira bavuga ko Urukiko Rukuru rwamuhamije icyaha cyo gusambanya umwana rushingiye kuri raporo ya Muganga igaragaza ko mu gitsina cy'umwana hatukuye, ariko ko ntaho yemeje ko umwana yasambanyijwe ngo inagaragaze uwabikoze. Bavuga ko gutukura mu gitsina bishobora no kuba byaratewe nuko umwana yakoze urugendo rw'amaguru ajya kwa muganga, kandi ari muto. [11] Iyamungu Gilbert na Me Kamali Jean Baptiste umwunganira bavuga na none Urukiko Rukuru rwavuze ko imvugo z'umwana n'iza nyirakuru zuzuzanya na raporo ya Muganga, nyamara bivuguruzanya, kubera ko izo mvugo zinyuranyije n'ibyo raporo ya Muganga igaragaza. Basobanura ko umwana yavuze ko Iyamungu Gilbert yamushyizemo igitsina acyumvira mu nda amurangirizamo, naho nyirakuru avuga ko umwana yamugezeho avirirana amaraso, ariko ko Muganga nta masohoro yabonye ngo ayapime bimenyekane ko ari aye, kandi nta maraso yabonye mu gitsina cy'umwana, uretse kuvuga ko hatukura. Bavuga ko bitanashoboka ko habaho kwinjiza igitsina mu cy'umwana ngo ave amaraso, maze akarangabusugi kabe kakiriho. Basanga rero umwana yarabwirijwe ibyo avuga hagamijwe guhimbira Iyamungu Gilbert icyaha atakoze. [12] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko imvugo y'umwana wasambanyijwe, iya nyirakuru na raporo ya Muganga zidashobora guhuza neza ku cyakorewe uwo mwana. Avuga ko umwana yavuze ibyamubayeho, nyirakuru Kankindi Laurence avuga ibyo umwana yamubwiye n'ibyo yabonye ku gitsina cy'umwana, naho Muganga agaragaza bya gihanga isuzuma yakoze ku mwana agasanga ku gitsina cye

Page 4

hari icyahakozwe cyanatumye ibice by'igitsina bihindura ibara, yanzura avuga ko yaba yarahohotewe, akaba asanga rero ibyo bimenyetso byuzuzanya. [13] Ku bijyanye no kuba urugendo umwana yakoze arirwo rwatumye igitsina gitukura, Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko nta shingiro byahabwa, kuko atari bwo bwa mbere yari akoze urugendo, kandi ko igihe cyose yakoze ingendo ku gitsina hatigeze hatukura ku buryo Muganga yakoraho akababara nk'uko yabyemeje. [14] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga kandi ko ibyo Iyamungu Gilbert avuga ko umwana yavuze ko yamwinjijemo igitsina akacyumvira mu nda ntaho bigaragara, ndetse ko abaye yarabivuze byaba byaratewe nuko ibyamukorewe atari abimenyereye ku buryo ububabare yabwumvira mu nda, kandi ko kuba yaramunyayemo bitaba bisobanura ko yaba yaramunyayemo amasohoro, kuko n'inkari nazo yazimunyaramo. Avuga ndetse ko atari ihame ko umwana asambanywa akarangabusugi kakavaho, nk'uko byasobanuwe mu rubanza RPAA00029/2023/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 19/04/2024, haburana Ubushinjacyaha na Nsigaye Gasigwa, ko kuba umwana yaba afite akarangabusugi bitaba bivuze ko atasambanyijwe bitewe nuko aba yasambanyijwe. UKO URUKIKO RUBIBONA [15] Impaka kuri iyi ngingo y'ubujurire zishingiye ku kumenya niba Iyamungu Gilbert yarahamijwe icyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 8 y'amavuko hashingiwe ku bimenyetso bishidikanywaho. [16] Kubyerekeranye n'ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, mu rubanza RPAA00692/2021/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 20/01/2023, haburana Ubushinjacyaha na Ndayishimiye Jean Damascène,

hasesenguwe ingingo ya 119 y'Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo², harebwe cyane cyane ku mwihariko w'imanza nshinjabyaha, maze urukiko rusobanura ko mu manza nshinjabyaha, ibimenyetso byose bishobora gushingirwaho mu gihe bigaragaza ukuri kw'ibyabaye³ ababuranyi bakaba barahawe uburyo bwo kuhaba ngo banyomozanye, kandi ko Urukiko arirwo rwemeza ko ibyo bimenyetso bishobora kwemerwa. Iri hame ryashyingiweho mu zindi manza zakurikiyeho zaciwe n'uru rukiko, harimo n'urubanza RPAA01283/2024/CA rwaciwe ku wa 29/09/2025, haburana Ubushinjacyaha na Ndayizeye. [17] Mu rubanza RPA01182/2020/HC/KIG rujuririrwa, Urukiko Rukuru rwahamije Iyamungu Gilbert icyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 8 y'amavuko rushingiye ku bimenyetso bikurikira:

- a) imvugo z'umwana wahohotewe wavuze ko mu gitondo cyo ku wa gatandatu yajyanye ishoka kwa Tereziya, nyirakuru wa Jules (Iyamungu Gilbert), ahageze aramubwira ngo yinjire mu nzu amuhe amafaranga, maze amufata akaboko amujyana ku buriri amuryama hejuru, amushyiramo uruntu rwe amunyaramo, arangije amuha 50Frw ayaguramo supadipe kwa Magorwa;
- b) raporo yakozwe ku wa 02/01/2020 na Dr Matungo Bellarmin wo ku bitaro bya Byumba, igaragaza ko mu gitsina cy'umwana ku rwinjiriro hatukuye, no hafi y'akarangabusugi hatukuye kandi habyimbiwe, ikanzura ko umwana ashobora kuba yarasambanyijwe⁴. [18] Dosiye y'urubanza igaragaza na none ko mu bimenyetso byatanzwe n'Ubushinjacyaha hari imvugo ya Kankindi Laurence, nyirakuru w'umwana watanze ikirego, avuga ko ku wa 30/12/2019, saa kumi n'ebiri za mugitondo yabwiye umwana kujyana ishoka kwa Tereziya yari yaraye atiyeyo, maze

2 Iyo ngingo ihura n'ingingo ya 87 y'Itegeko N° 062/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga ibimenyetso. 3 Principe de la liberté de la preuve en matière pénale. 4 Rougeur (erythème) au niveau de la petite lèvre; rougeur inflammatoire à la jonction petite lèvre et hymen. Conclusion: Probable abus sexuel d'un mineur, retenu sur base d'une rougeur objectifé au niveau de la jonction de la petite lèvre et l'hymen.

Page 5

ngo amuzanire akayuya ko kwahira ubwatsi, hanyuma saa mbiri umwana amusanga aho yahingaga amubwira ko Iyamungu Gilbert yamukuyemo ijipo akamujyana ku buriri akamujya hejuru akamurongora, arebye mu gitsina cy'umwana abona ko hatukuye. [19] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga kuba Iyamungu Gilbert n'umwunganira bavuga ko raporo ya Muganga itari ikwiye gushingirwaho n'Urukiko Rukuru rumuhamya icyaha cyo gusambanya umwana kuko itagaragaza ko yasambanyijwe kandi ariwe wamusambanyije nta shingiro bifite, kuko Muganga wasuzumye umwana yari yahawe inshingano yo kugaragaza niba hari ibimenyetso bigaragara ku mwana by'uko yaba yasambanyijwe, ntabwo rero yari afite inshingano zo kumenya uwasambanyije umwana, kuko ibyo biri mu nshingano z'urukiko rwaregewe. [20] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga kandi ibyo Iyamungu Gilbert n'umwunganira bavuga ko raporo ya Muganga ivuguruzanya n'imvugo z'umwana n'iza nyirakuru Kankindi Laurence nta shingiro bifite, kubera ko, nk'uko bigaragara muri ibyo bimenyetso byagarutseweho haruguru, umwana

yasobanuye uburyo yasambanyijwe na Iyamungu Gilbert abibwira nyirakuru, uyu nawe arebye ku gitsina cye abona hatukura, ibyo rero bombi bavuze bikaba bishimangirwa na raporo ya Muganga wasuzumye umwana akabona ko ashobora kuba yasambanyijwe, kuko mu gitsina cye hatukura ndetse habyimbiwe, kandi nta wundi wabikoze, uretse Iyamungu Gilbert ushinjwa n'umwana. [21] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga rero kuba Iyamungu Gilbert avuga ko mu gitsina cy'umwana hatukujwe no gukora urugendo n'amaguru ajyanwa ku bitaro bya Byumba nta shingiro bifite, kuko atagaragaza aho abishingira, cyane cyane ko Muganga yasobanuye ko byatewe no kuba umwana yaba yarasambanyijwe. [22] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga rero, nk'uko Urukiko Rukuru rwabibonye, ibimenyetso byashingiye Iyamungu Gilbert ahamwa icyaha cyo gusambanya umwana byuzuzanya kandi bidashidikanywaho, bikaba bigaragaza ko icyo cyaha yagikoze. Kumenya niba Urukiko Rukuru rwarahamije Iyamungu Gilbert icyaha cyo gusambanya umwana rwirengagije ibimenyetso bimushinjura [23] Iyamungu Gilbert na Me Kamali Jean Baptiste umwunganira bavuga ko Urukiko Rukuru rwavuze ko nta makimbirane se yagiranye na nyirakuru w'umwana, kandi yarabayeho agera no mu buyobozi bw'Akagari nk'uko rwabibonye igihe rwakoraga iperereza, ariko rurabyirengagiza ruvuga ko nta makimbirane imiryango yagiranye, nubwo nyuma biyunze bagasabana imbabazi zigatangwa. Basanga Iyamungu Gilbert yarageretseho icyaha atakoze, kuko nubwo habayeho kwiyunga, abagiranye amakimbirane batabanye neza. [24] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko kuba harabaye amakimbirane hagati ya nyirakuru w'umwana na se wa Iyamungu Gilbert bitahuzwa n'iki cyaha yakoze, kuko bashobora kuba baragiranye amakimbirane agakemuka, Iyamungu Gilbert akaba atagaragaza uko ayo makimbirane yabaye intandaro zo kumugerekaho icyaha, kandi nawe yemeza ko yakemuwe bagasabana imbabazi. Asaba ko hakwemezwa ko ubujurire bwe nta shingiro bufite, maze akagumishwa ku gihano yahawe cy'igifungo cy'imyaka 15. UKO URUKIKO RUBIBONA [25] Impaka kuri iyi ngingo y'ubujurire zishingiye ku kumenya niba Urukiko Rukuru rwarahamije Iyamungu Gilbert icyaha cyo gusambanya umwana rwirengagije amakimbirane y'imiryango. [26] Nk'uko bigaragara mu rubanza rwajuririye, nyuma yo gukora iperereza ku wa 03/07/2024 aho icyaha cyakorewe, Urukiko Rukuru rwasanze hagati ya Uwamungu Jean de Dieu, se wa Iyamungu Gilbert

Page 6

na Kankindi Laurence, nyirakuru w'umwana, nta makimbirane bigeze bagirana akomoka ku masambu, ko ikibazo cyabaye hagati yabo ari icy'ingengabitekerezo ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994, cyaje gukemurwa n'inzego z'ibanze banasabana imbabazi. [27] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga ibyo Iyamungu Gilbert avuga ko Urukiko Rukuru rwirengagije amakimbirane yabaye hagati ya se na nyirakuru w'umwana nta shingiro bifite, kuko rwabisesenguye rugasanga nta shingiro bifite, bityo ibyo avuga ko se na nyirakuru w'umwana batabanye neza ntaho abishingira. Byongeye kandi, nk'uko byasobanuwe haruguru, ibimenyetso byatanze n'Ubushinjacyaha bigaragaza ko umwana yasambanyijwe na Iyamungu Gilbert, akaba amushinja asobanura nuko byagenze. [28] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga rero, ubujurire bwa Iyamungu Gilbert nta shingiro bufite, urubanza yajuririye rukaba rugomba kugumana agaciro mu ngingo zarwo zose, cyane cyane ko igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 yahawe cyagabanyijwe

ku buryo buhagije kandi bukurikije amategeko⁵, harebwe uberemere bw'icyaha yakoze cyo gusambanya umwana muto w'imyaka 8 y'amavuko. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [29] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Iyamungu Gilbert nta shingiro bufite. [30] Rwemeje ko urubanza RPA01182/2020/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 30/09/2024 rudahindutse. [31] Rutegetse ko igihano cy'igifungo cy'imyaka 15 Iyamungu Gilbert yahawe ku cyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 8 y'amavuko kigumyeho.

5Ingingo ya 2 y'Itegeko N° 059/2023 ryo ku wa 04/12/2023 rihindura Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigena ibyaha n'ibihano muri rusange, iteganya ibikurikira: iyo umucamanza yemeje impamvu nyoroshyacyaha, ashobora kugabanya igihano ku buryo bukurikira: (...) (a) igifungo cya burundu gishobora kugabanywa ariko ntikijye muni y'igihano cy'igifungo cy'imyaka 15; (...).

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10363/10912>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/ubushinjacyaha-v-iyamungu-2025>

Prepared on 9 October 2026 · Esheria